


Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi

# INYANDIKO IGARAGAZA UBURYO SERIVISI ZITANGWA NA MINISITERI

REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU



## IRIBURIRO

Mu ízina rya Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), Nejejwe no kubagezaho iyi nyandiko igaragaza uburyo serivisi zitangwa na Minisiteri.

Inyandiko igaragaza uburyo serivisi zitangwa na Minisiteri y'Imari n'igenamigambi (MINECOFIN) yateguwe mu rwego rwo kunoza mu buryo bukwiiye itangwa rya serivisi,gukorera mu mucyo no kugaragaza imicungire y'Imari ya Leta. Iyi nyandiko igaragaza itangwa rya serivisi yerekana uruhare rwa Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) kandi igaragaza serivisi zitangwa n'ibisabwa bifitanye isano nayo. Igaragaza Amashami serivisi zacu zibonekamo n'inyandiko z'amategeko abigenga.

Ishyirwaho ry'iyi nyandiko risobanura neza ubwitange bwacu mu kugeza serivisi ku batugana, Abafatanyabikorwa, Abaterankunga mu'Iterambere n'abaturage muri rusange hagamijwe gushyiraho uburyo bwiza kandi bwumvikana mu gushimangira itangwa rya serivisi zacu.

*Claver GATETE*

*Minisitiri*
*Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi -Rwanda*

## INYANDIKO YA MINECOFIN

Inyandiko ya MINECOFIN igaragaza itangwa rya serivisi yerekana serivisi zitangwa na Minisiteri ku bafatanyabikorwa batandukanye. Yerekana serivisii zitandukanye zitangwa n'amashami agizeMINECOFIN. Igaragaza kandi uburyo serivisi zitangwa, igihe bikorwamo n'uburyo bwo gukumira ibibazo.

Icyerekezo n'ibisobanuro by'inshingano za MINECOFIN bigaragaza ubwitange mu gutanga serivisi mu buryo:

- # bw'umwuga;
- # bugezweho
- # gukorera hamwe
- # kwirengera ibyemezo byafashwe
- # ubunyangamugayo

Inyandiko igaragaza itangwa rya serivisi ikoreshwa nk'uburyo bwo kumenyekanisha amakuru ku bafatanyabikorwa b'ikigo, abo dukorana, abatugana n'abaturage muri rusange.

Igihe cyose serivisi zitangwa na MINECOFIN zisubiza neza ibibazo by'abaturarwanda kandi Minisiteri yiyemeje ubwayo kumenyekanisha serivisi zitangwa kandi ikabibutsa uburenganzira bwabo mu kubona izo serivisi.

Kugira ngo ibyo bigerweho MINECOFIN ikorana n' abaturage bose by'umwihariko abo Minisiteri ikorana nabo mu bikorwa bya buri munsi. Ibi byerekana ko inyandiko igaragaza itangwa rya serivisi igera ku ntego yiyemeje yo kugeza serivisi ku baturarwanda mu bunyangamugayo no mu buryo bw'umwuga.



MINECOFIN ishishikariza abakozi bayo gutanga serivisi zinoze kandi ku gihe kugira ngo hatabaho kuba yagawa n'abayigana bikaba byagira ingaruka mbi ku itangwa rya serivisi. Uburyo bwiza bwo gushyira mu bikorwa iyi nyandiko igaragaza itangwa rya serivisi, MINECOFIN iteganya uburyo buhoraho bwo guhura n'abaturarwanda bakenera serivisi zayo. Kugira ngo bigerweho, Minisiteri yashyizeho uburyo bwo gutanga igisubizo kubayigana. Ubwo buryo bugizwe n' ibi bikurikira:

- Agasanduku k'iposita
- Umunsi wahariwe kwakira abantu bose
- Isuzuma ku batugana
- Serivisi ishinzwe kwakira ibibazo
- Uburyo bwo kwandikirwa binyuze ku mbugankoranyambaga

Mu kwimakaza kuvugana, gusubiza no gushyikirana mu gushyira mu bikorwa iyi nyandiko igaragaza itangwa rya serivisi, MINECOFIN yifuza ko hakoreshwa uburyo bw'itangazamakuru n'ikoranabuhanga harimo murandasi, ubutumwa bwihuse n'imbugankoranyambaga n'ibindi cyangwa gukomatanya ubwo buryo bw'ikoranabuhanga bwose.

- Icyizere ku batugana::

Inyandiko igaragaza itangwa rya serivisi ifasha MINECOFIN gutanga serivisi zikwiye kandi zinoze ku batugana bose. Ubwo rero tukaba twifuza gukora ibishoboka ngo bikorwe mu buryo buboneye kandi mu bwitange no mu buryo bw'umwuga. Tuzashimangira ubunyangamugayo buhanitse muitangwa rya serivisi zacu.

- Ibyo abatugana badutezeho:

Kugira ngo hatangwe serivisi inoze kandi igerweho, twifuza ku batugana ibi bikurikira:

1. Guha abakozi ba MINECOFIN icyubahiro n'ikinyabupfura;
2. Kwerekana uburyo MINECOFIN yavugurura serivisi zayo;
3. Kumenyesha MINECOFIN ibyavuye mu itangwa rya serivisi binyuze mu buryo butandukanye bw'itangazamakuru;
4. Kunyuza ibibazo /amashimwe / ibyifuzo binyuze ku Mashami abishinzwe

## AHO WABARIZA:

Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN)
Tel: +250 252 596 200   Fax: +250 252 577 581
E-mail: mfin@minecofin.gov.rw
Murandasi: www.minecofin.gov.rw
Twitter: @RwandaFinance

Tuzabamenyesha ku gihe ko twabonye ubutumwa bwanyu kandi tuzabamenyesha ibibazo byanyu byose.

Mu gihe hari ikibazo gisaba iperereza ryimbitse n'igihe kugira ngo gikemurwe, tuzabamenyesha aho icyo gikorwa kigeze n'igihe muzabonera igisubizo.




## AMABAMBO AHINNYE:

ACCA: Urwego rw'abacungamutungo b'umwuga bemewe
CPA: Umubaruramari w'Umwuga Wemewe
DDPs: Gahunda y'Iterambere ry'Uturere
IFMIS: Uburyo bw'Ikoranabuhanga mu Micungire y'Amakuru yerekeye Imari
MINECOFIN: Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi
NGOs: Imiryango Itegamiye kuri Leta
OPs: Impapuro zishyura
PFM: Imicungire y'Imari ya Leta
PS/ST: Umunyamabanga Uhoraho akaba n'Umunyamabanga Ushinzwe Ikigega cya Leta
PSF: Urugaga Rw'Abikorera
RDB: Ikigocy'Igihugu Gishinzwe Iterambere
SDGs: Intego z'Iterambere Rirambye

## ITANGIRIRO

Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi(MINECOFIN) yashyizweho mu mwaka 1997. Inyandiko ya MINECOFIN igaragaza itangwa rya serivisi ishingiye ku Itegeko rishyiraho Minisiteri kandi yerekana ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano n'akamaro byayo.

## INSHINGANO

Inshingano ya MINECOFIN ni ukuzamura umusaruro, kongera amahirwe y'ubukungu n'imibereho y'abanyarwanda no kugera ku bipimo bihanitse byerekeye kwirengera ibyemezo byafashwe no gukorera mu mucyo mu micungire y'imari ya leta

## ICYEREKEZO

Icyerekezo cya MINECOFIN ni uguteza imbere u Rwanda rukagera ku rwego rw'igihugu gifite umusaruro uringaniye kitarangwamo ubukene.

## INTEGO

MINECOFIN ni ikigo gishinzwe gukusanya imari mu gihugu no hanze hagamijwe ikoreshwa neza no kwita ku micungire y'Imari ya Leta.

- Kubungabunga gahunda y'ubukungu rusange hagamijwe kurinda kugwa kw' ifaranga, kugira ingengo y'imari iringaniye no kuringaniza umwenda wa Leta mu buryo burambye;
- Kwihutisha mu buryo bugaragara itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari

- Gukusanya amafaranga mu gihugu no hanze (urugero: imisoro, imisanzu y'ubwiteganyirize, inkunga, inguzanyo n'ibindi)
- Kugera ku rugero mpuzamahanga ruhanitse mu micungire y'imari ya Leta hagamijwe kwita ku ikoreshwa neza n'umutungo wa Leta
- Kuboneza itangwa rya serivisi za Leta no kwirengera ibyemezo byafashwe binyuze mu buryo bwo kwegereza amafaranga n'imisoro ku nzego z'ibanze
- Kugira uruhare mu kuzamura ubukungu, guhanga imirimo, ishoramari no ku ishoramari rya Leta rikwiriye
- Kugira uruhare mu bipimo by'imibereho y'abaturage, iterambere ry'abantu mu buryo burambye
- Guteza imbere isoko ry'imari rihamye, rikwiriye kandi rirambye rigera ku byiciro byose by'abaturage
- Kugira uruhare mu guteza imbere isoko ry'umurimo riboneye kandi rikwiriye rizamura abikorera kandi ryita ku byateza ingorane ku iterambere ry'ubukungu.
- Kureba ko hariho uburyo bukwiye kandi bubereye bw'imisoro mu korohereza gukora, kwizigamira no gushora imari mu iterambere ry'Igihugu.
- Kubaka ubushobozi bwa MINECOFIN ikagera ku rwego rw'ikigo gikomeye, gikwiriye kandi gikemura ibibazo.


## IMPAMVU Y'INYANDIKO IGARAGAZA ITANGWA RYA SERIVISI


Impamvu y'inyandiko ya MINECOFIN igaragaza itangwa rya serivisi ni ugukomeza kumenyekanisha inshingano z'urwego hashingiye kuri za serivisi z'ingenzi zitangwa n'uko ibibazo n'íbyifuzo by'abatugana bikemurwa.


Iyi Nyandiko kandi ni inshingano yo gutanga serivisi nziza kandi ku gihe ku bafatanya bikorwa bose, abo dukorana n'abaturage muri rusange.

## AMASHAMI YA MINECOFIN NA SERIVISI ZITANGWA

# IBIRO BY'UMUYOBOZI MUKURU USHINZWE UBUKUNGU



## SERIVISI ZA NGOMBWA ZITANGWA:

| Ni yihe Serivisi? | Amakuru ajyanye na serivisi: |
|---|---|
| | • Gutanga:<br>- Raporo z'umwaka ku bukungu<br>- Ibisobanuro ku bukungu<br>- gahunda y'ubukungu rusange(uko bit-eye)<br>- Amakuru kuri gahunda y'ubukungu ru-sange( amakuru yatanzwe)<br>- Politiki y'inkunga ( inyandiko ya politiki)<br>- Politiki y'umwenda (inyandiko ya poli-tiki)<br>- Amakuru ku mwenda wa Leta (inyan-diko ya politiki)<br>- Gahunda y'imicungire y' umwenda mu gihe giciriritse<br>- Gufasha kubona amakuru ajyanye n'it-erambere ry'u Rwanda<br>- Ibibazo bya politiki y'imisoro (kugira ngo MINECOFIN ibyiteho)<br>• Gutera inkunga serivisi mu bijyanye n'ibibazo by'ubukungu |

| | |
|---|---|
| Ni nde uyihabwa ? | Abashakashatsi, abasesenguzi ba politiki, Leta , n'inzego z'abikorera, abanyeshuri , abaterankunga mu by'iterambere, PSF na RDB |
| Ni uruhe rwego rwa Leta nshobora kureba ? | MINECOFIN |
| Ni hehe nshobora kubona serivisi ? | Ibiro by'Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Ubukungu muri Minisiteri cyangwa urubuga rwa intereneti rwa MINECOFIN: www.minecofin.gov.rw |
| Ni ryari nshobora kubona serivisi? | Igihe cyose |
| Igihe cyose ikibazo kibajijwe cyangwa gusaba bikozwe, bifata igihe kingana gite ? | Mu gihe nta makuru ari ku rubuga rwa intereneti, ikibazo gishobora gusubizwa mu minsi 10 y'akazi |
| None, bigenda bite iyo bibaye ngombwa kwishyura amafaranga kugira ngo iyo serivisi itangwe ? | Nta mafaranga atangwa |
| Ni izihe nyandiko zisabwa? | Mu gihe amakuru atari ku rubuga rwa intereneti, ibaruwa ibisaba irahagije. |
| Ni mu buhe buryo ? | Utanga gusa ibaruwa ibisaba ku bunyamabanga rusange bwa MINECOFIN. |
| None bigenda bite iyo hari ibindi bigo nkeneye gusura kugira ngo mbone serivisi?( urugero kwishyura za serivisi cyangwa kubona andi makuru) | Ntabyo |

| | |
|---|---|
| Haba hari uburyo bwo kugaragaza ikibazo? | Ibibazo bijyanye na serivisi bishobora gushyikirizwa umuntu ku giti cye cyang-wa kwandikira PS/ST |
| Haba hari andi makuru ajyanye n'iyi serivisi ya ngombwa yo ku-menya ? | Ntayo |
| Haba hari impapuro zuzuzwa ? | Ntazo |
| Haba hari inyandiko z'amategeko zabuge-newe. | Ntazo |

# ISHAMI RISHINZWE UBUSHAKASHATSI N'ITERAMBERE RY'IGIHUGU





## SERIVISI ZITANGWA:


| | |
|---|---|
| N'iyihe Serivisi ? | - Gutegura inyandiko za politiki y'Igihugu: EDPRS2, Icyerekezo 2020, Intego z'íterambere rirambye, gahunda y'iterambere ry'Uturere<br><br>Na gahunda y'urwego rw'igenamigambi, inyandiko zisaba kugena no gutegura ingengo y'imari, imirongo ngenderwaho y'ishoramari rya Leta , isuzuma rihuriweho n' inzego n'ibindi<br><br>- Serivisi zunganira za tekinike |
| Ni nde bireba ? | Minisiteri zose, Uturere, n'Ibigo, RDB, abaturarwanda, abashyitsi n'abandi |
| Ni uruhe rwego rwa Leta nshobora kureba ? | MINECOFIN |
| Ni hehe nshobora kubona serivisi ? | Ishami rishinzwe ubushakashatsi n'iterambere ry'igihugu muri Minisiteri cyangwa urubuga rwa interineti rwa MINECOFIN: www.minecofin.gov.rw |
| Ni ryari nshobora kubona serivisi? | Igihe cyose |
| Igihe cyose ikibazo kibajijwe cyangwa gusaba bikozwe, bifata igihe kingana iki ? | Mu gihe nta makuru ari ku rubuga rwa interineti, ikibazo gishobora gusubizwa mu minsi 10 y'a'kazi |

| | |
|---|---|
| None, bigenda bite iyo bibaye ngombwa kwishyura amafaranga kugira ngo iyo serivisi itangwe ? | Nta mafaranga atangwa |
| Ni izihe nyandiko zisabwa ? | Mu gihe amakuru atari ku rubuga rwa interineti, ibaruwa ibisaba irahagije. |
| Ni mu buhe buryo ? | Utanga gusa ibaruwa ibisaba ku bunyamabanga rusange bwa MINECOFIN. |
| None bigenda bite iyo hari ibindi bigo nkeneye gusura kugira ngo mbone serivisi?( urugero kwishyura za serivisi cyangwa kuboba andi makuru) | Ntabyo |
| Haba hari uburyo bwo kugaragaza ikibazo? | Ibibazo bijyanye na serivisi bishobora gushyikirizwa umuntu ku giti cye cyangwa kwandikira PS/ST |
| Haba hari andi makuru ajyanye n'iyi serivisi ya ngombwa yo kumenya ? | Ntayo |
| Haba hari impapuro zuzuzwa ? | Ntazo |
| Haba hari inyandiko z'amategeko zabugenewe. | Ntazo |

# ISHAMI RISHINZWE INGENGO Y'IMARI YA LETA







## SERIVISI ZA NGOMBWA ZITNGWA :

| | |
|---|---|
| N'iyihe Serivisi? | - Gutegura amategeko ajyanye n'ingengo y' imari y'umwaka, amakuru ajyanye n'ingengo y'imari, amakuru ajyanye n'ingengo y'imari y'inzego z'íbanze, inyandiko isobanurira abaturage ingengo y'imari, inyandiko zerekeranye n'ingengo y'imari, raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari, n'ibindi,<br><br>- Serivisi zunganira za tekinike |
| Ni nde bireba ? | Abaturarwanda bose, abashyitsi, itangazamakuru , Minisiteri , Uturere , ibigo, RDB n'abafatanyabikorwa mu iterambere |
| Ni uruhe rwego rwa Leta nshobora kureba ? | MINECOFIN |
| Ni hehe nshobora kubona serivisi ? | Ishami rishinzwe ingengo y'imari ya Leta cyangwa urubuga rwa interineti rwa MINECOFIN<br><br>website: www.minecofin.gov.rw |
| Ni ryari nshobora kubona serivisi | Igihe cyose |
| Igihe cyose ikibazo kibajijwe cyangwa gusaba bikozwe, bifata igihe kingana gite? | Mu gihe nta makuru ari ku rubuga rwa interineti, ikibazo gishobora gusubizwa mu minsi 10 y'akazi |

| | |
|---|---|
| None, bigenda bite iyo bibaye ngombwa kwishyura amafaranga kugira ngo iyo serivisi itangwe ? | Nta mafaranga atangwa |
| Igihe cyose ikibazo kibajijwe cyangwa gusaba bikozwe, bifata igihe kingana iki ? | Mu gihe amakuru atari ku rubuga rwa interineti, ibaruwa ibisaba irahagije. |
| None , bigenda bite iyo bibaye ngombwa kwishyura amafaranga kugira ngo iyo serivisi itangwe ? | Ntayo |
| Ni izihe nyandiko zisabwa ? | Utanga gusa ibaruwa ibisaba ku bunyamabanga rusange bwa MINECOFIN |
| Ni mu buhe buryo? | Ibibazo bijyanye na serivisi bishobora gushyikirizwa umuntu ku giti cye cyangwa kwandikira PS/ST |
| None bigenda bite iyo hari ibindi bigo nkeneye gusura kugira ngo mbone serivisi?( urugero kwishyura za serivisi cyangwa kubona andi makuru) | Ntayo |
| Haba hari impapuro zuzuzwa ? | Ntazo |
| Haba hari inyandiko z'amategeko zabugenewe. | Ntazo |

# ISHAMI RISHINZWE ITERAMBERE RY'URWEGO RW'IMARI









## SERIVISI ZANGOMBWA ZITANGWA:

| | |
|---|---|
| Ni Iyihe Serivisi ? | - Gushyiraho no guhuza ibikorwa, ingamba na politiki by'iterambere by'urwego rw'imari<br><br>- Kongera ubumenyi mu by'imari binyuze muri gahunda y'Igihugu yo kwigisha ibijyanye n'imari<br><br>- Gukangurira kwizigamira binyuze mu gushishikariza abanyarwanda kuzigama<br><br>- Gutanga serivisi za tekiniki zunganira |
| Ni nde bireba ? | Ibigo by'imari byose, ibigo by'ubwishingizi, imiryango itegamiye kuri Leta ikorana n'urwego rw'imari, PSF, itangazamakuru n'abaturarwanda . |
| Ni uruhe rwego rwa Leta nshobora kureba ? | MINECOFIN |
| Ni hehe nshobora kubona serivisi ? | Ishami rishinzwe iterambere ry'urwego rw'imari cyangwa urubuga rwa interineti rwa<br><br>: www.minecofin.gov.rw |
| Ni ryari nshobora kubona serivisi | Igihe cyose |

| | |
|---|---|
| Igihe cyose ikibazo kibajijwe cyangwa gusaba bikozwe, bifata igihe kingana gite | Mu gihe nta makuru ari ku rubuga rwa interineti, ikibazo gishobora gusubizwa mu minsi 10 y'akazi. |
| None, bigenda bite iyo bibaye ngombwa kwishyura amafaranga kugira ngo iyo serivisi itangwe ? | Nta mafaranga atangwa |
| Ni izihe nyandiko zisabwa ? | Mu gihe amakuru atari ku rubuga rwa interineti, ibaruwa ibisaba irahagije. |
| Ni mu buhe buryo ? | Utanga gusa ibaruwa ibisaba ku bunyamabanga rusange bwa MINECOFIN. |
| None bigenda bite iyo hari ibindi bigo nkeneye gusura kugira ngo mbone serivisi?( urugero kwishyura za serivisi cyangwa kuboba andi makuru) | Ntabyo |
| Haba hari uburyo bwo kugaragaza ikibazo? | Ibibazo bijyanye na serivisi bishobora gushyikirizwa umuntu ku giti cye cyangwa kwandikira PS/ST |
| Haba hri andi makuru ajyanye n'iyi serivisi ya ngombwa yo kumenya ? | Ntayo |
| Haba hari impapuro zuzuzwa ? | Ntazo |
| Haba hari inyandiko z'amategeko zabugenewe? | Ntazo |

# IBIRO BY' UMUBARURAMARI MUKURU






## SERIVISI ZA NGOMBWA ZITANGWA :

| | |
|---|---|
| Ni iyihe Serivisi ? | - Kwishyura serivisi<br><br>- Inyandiko zijyanye n'íbaruramutungo<br><br>- Uburyo bw'ibaruramari niitangwa rya raporo<br><br>- Raporo z'imari zihujwe<br><br>- Amahugurwa muri ACCA, CPA n' ibindi<br><br>- Uburyo bw'Ikoranabuhanga mu Micungire y'Amakuru yerekeye Imari (IFMIS )<br><br>Gutanga serivisi za tekiniki zunganira |
| Ni bande bireba ? | Abatanga za servisi, Minisiteri, Uturere, ibigo, abaturarwanda, ababarumari, Abaruramari ba Leta , abakozi bashinzwe ingengo y'imari n'abayobozi bashinzwe imari |
| Ni uruhe rwego rwa Leta nshobora kureba ? | MINECOFIN |
| Ni hehe nshobora kubona serivisi ? | Agashami gashinzwe Imari ya Leta, agashami gashinzwe konti za Leta n'agashami gashinzwe Uburyo bw'Ikoranabuhanga mu Micungire y'Amakuru yerekeye Imari (IFMIS ) cyangwa urubuga rwa interineti rwa MINECOFIN : www.minecofin.gov.rw |
| Ni ryari nshobora kubona serivisi | Ku wa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya za mu gitondo kugeza saa saa kumi n'imwe z'umugoroba no kuwa gatanu kuva saa moya za mu gitondo kugeza saa munani z'amanywa |

| | |
|---|---|
| Igihe cyose ikibazo kibajijwe cyangwa gusaba bikozwe, bifata igihe kingana gite | Ku byerekeye kwishyura serivisi : kwishyura bwa mbere bifata iminsi 14 iyo ari guhindura imiterere, kwishyura impapuro zagarutse bifata iminsi 4 mu guhindura imiterere. |
| None, bigenda bite iyo bibaye ngombwa kwishyura amafaranga kugira ngo iyo serivisi itangwe ? | Ntayo |
| Ni izihe nyandiko zisabwa? | Gutanga impapuro zo kwishyura |
| Ni mu buhe buryo ? | Gutanga impapuro zo kwishyura n'inyandiko ziziherekeza muri Minisiteri y'Imari |
| None bigenda bite iyo hari ibindi bigo nkeneye gusura kugira ngo mbone serivisi?( urugero kwishyura za serivisi cyangwa kubona andi makuru) | Ntabyo |
| Haba hari uburyo bwo kugaragaza ikibazo? | Ibibazo bijyanye na serivisi bishobora gushyikirizwa umuntu ku giti cye cyangwa kwandikira PS/ST |
| Haba hari andi makuru ajyanye n'iyi serivisi ya ngombwa yo kumenya ? | Ntayo |
| Haba hari impapuro zuzuzwa ? | Ntazo |
| Haba hari inyandiko z'amategeko zabugenewe? | Ntazo |

# IBIRO BY’UMUGENZUZI BWITE MUKURU








## SERIVISI ZA NGOMBWA ZITANGWA :

| | |
|---|---|
| Ni iyihe seririvisi ? | - Kunganira minisiteri , Uturere n'Ibigo mu kumenyesha ibyemezo byafashwe, ikoreshwa ry'umutungo bu buryo bukwiye kandi bunoze no kuzuza inshingano ziteganywa n'amategeko .<br><br>- Gutegura inyandiko mfashanyigisho ya komite y'ubugenzuzi, n'ibitabo bishyiraho amabwiriza y' igenzura bwite<br><br>Gutanga izindi serivisi za tekiniki zunganira |
| Ni nde bireba ? | Minisiteri zose ,Uturere n'Íbigo, abagenzuzi bwite n'abagize komite z'ubugenzuzi bwite . |
| Ni uruhe rwego rwa Leta nshobora kureba ? | MINECOFIN |
| Ni hehe nshobora kubona serivisi ? | Ibiro by'Umugenzuzi Bwite Mukuru cyangwa urubuga rwa intereneti rwa MINECOFIN : www.minecofin.gov.rw |
| Ni ryari nshobora kubona serivisi | Guhera kuwa mbere saa moya za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba no kuwa gatanu kuva saa moya kugeza saa munani z'amanywa. |
| Igihe cyose ikibazo kibajijwe cyangwa gusaba bikozwe, bifata igihe kingana gite | Mu gihe nta makuru ari ku rubuga rwa interineti, ikibazo gishobora gusubizwa mu minsi 10 y'akazi |

| | |
|---|---|
| None, bigenda bite iyo bibaye ngombwa kwishyura amafaranga kugira ngo iyo serivisi itangwe ? | Ntayo |
| Ni izihe nyandiko zisabwa? | Ntazo |
| Ni mu buhe buryo ? | Ntabwo |
| None bigenda bite iyo hari ibindi bigo nkeneye gusura kugira ngo mbone serivisi?( urugero kwishyura za serivisi cyangwa kuboba andi makuru) | Ntabwo |
| Haba hari uburyo bwo kugaragaza ikibazo? | Ibibazo bijyanye na serivisi bishobora gushyikirizwa umuntu ku giti cye cyangwa kwandikira PS/ST |
| Haba hari andi makuru ajyanye n'iyi serivisi ya ngombwa yo kumenya ? | Ntayo |
| Haba hari impapuro zuzuzwa ? | Ntazo |
| Haba hari inyandiko z'amategeko zabugenewe. | Ntazo |

# ISHAMI RISHINZWE IBIKORWA RUSANGE





## SERIVISI ZANGOMBWA ZITANGWA :

| | |
|---|---|
| N' iyi he serivisi ? | - Gutanga serivisi zifitanye isano n'amasoko ya Leta<br><br>- Gucunga uburyo gushyiraho abakozi (kwakira inyandiko zisaba akazi, kumenyesha abasabye akazi bujuje ibisabwa)<br><br>- kwakira ubutumwa no kubwohereza aho bugenewe. |
| Ni nde bireba ? | Abatanga za serivisi , abapiganirwa amasoko ya Leta , abaturarwanda |
| Ni uruhe rwego rwa Leta nshobora kureba ? | MINECOFIN |
| Ni hehe nshobora kubona serivisi ? | Ishami rishinzwe ibikorwa rusange<br><br>cyangwa urubuga rwa interineti rwa MINECOFIN: www.minecofin.gov.rw |
| Ni ryari nshobora kubona serivisi | Guhera kuwa mbere saa moya za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe z 'umugoroba no kuwa gatanu kuva saa moya za mu gitondo kugeza saa munani z'amanywa. |
| Igihe cyose ikibazo kibajijwe cyangwa gusaba bikozwe, bifata igihe kingana gite | Mu gihe nta makuru ari ku rubuga rwa interineti, ikibazo gishobora gusubizwa mu minsi 10 y'akazi |

| | |
|---|---|
| None , bigenda bite iyo bibaye ngombwa kwishyura amafaranga kugira ngo iyo serivisi itangwe ? | Ntayo |
| Ni izihe nyandiko zis-abwa ? | Ntazo |
| Ni mu buhe buryo ? | Ntabwo |
| None bigenda bite iyo hari ibindi bigo nken-eye gusura kugira ngo mbone serivisi?( uruge-ro kwishyura za serivisi cyangwa kuboba andi makuru) | Ntabwo |
| Haba hari uburyo bwo kugaragaza ikibazo? | Ibibazo bijyanye na serivisi bishobora gushyikirizwa umuntu ku giti cye cy-angwa kwandikira PS/ST |
| Haba hari andi makuru ajyanye n'iyi serivisi ya ngombwa yo kumenya ? | Ntayo |
| Haba hari impapuro zuzuzwa ? | Ntazo |
| Haba hari inyandiko z'amategeko zabuge-newe. | Ntazo |

REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU

Republic of Rwanda
Ministry of Finance and Economic Planning